

## ***Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup***

### **A. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister's Order / Arrêté du Premier Ministre**

#### **N° 102/03 ryo ku wa 17/04/2015**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rizamura mu ntera ba Ofisiye Bato mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Imfunga n'Abagororwa.....3

#### **N° 102/03 of 17/04/2015**

Prime Minister's Order promoting the Junior Officers in Rwanda Correctional Service.....3

#### **N° 102/03 du 17/04/2015**

Arrêté du Premier Ministre portant promotion des Officiers Subalternes dans le Service Correctionnel du Rwanda .....3

### **B. Guhindura amazina / Alliteration of names / Changement de noms**

#### **N° 778/08.25 ryo ku wa 23/04/2015**

Iteka rya Minisitiri ritanga uburenganzira bwo guhindura amazina.....09

#### **N° 778/08.25 of 23/04/2015**

Ministerial Order authorising change of names.....09

#### **N° 778/08.25 du 23/04/2015**

Arrêté Ministériel portant autorisation de changement de noms.....09

### **C. Imiryango / Organizations / Organisations**

Poverty Reduction, Education & Family Empowerment in Rwanda "PREFER".....13

Home de la Vierge des Pauvres, HVP GATAGARA.....30

VICTORY LIFE GLOBAL MINISTRIES.....47

### **D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives**

- KOIH KIMONYI .....63
- TUZAMURANE REMERA.....64
- JYAMBERE KINIGI.....65
- IMBARAGA Z'IGIHUGU ZUBAKA.....66
- G I C.....67
- COOPEGIRU.....68
- UMUNARA WA KANOMBE.....69
- GENDANA N'IGIHE RUKOMO.....70
- NYAGASAMBU VISION COOPERATIVE.....71
- BICOMU.....72

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

- KODUKUBWE.....	73
- COAMASA.....	74
- NRC.....	75
- KOIUBM.....	76
- DUHAGURUKIRUMURIMO – NYANKENKE.....	77
- ABIBUMBYE RWIMIYAGA.....	78
- TWITEGANYIRIZE RWANKONJO.....	79
- ABAHUJE BYUMBA .....	80

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 102/03 RYO KU WA 17/04/2015 RIZAMURA MU NTERA BA OFISIYE BATO MU RWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IMFUNGA N'ABAGORORWA

PRIME MINISTER'S ORDER N° 102/03 OF 17/04/2015 PROMOTING THE JUNIOR OFFICERS IN RWANDA CORRECTIONAL SERVICE

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 102/03 DU 17/04/2015 PORTANT PROMOTION DES OFFICIERS SUBALTERNES DANS LE SERVICE CORRECTIONNEL DU RWANDA

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere: Izamurwa mu ntera**

**Article One: Promotion**

**Article premier: Promotion**

**Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**

**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 3: Repealing provision**

**Article 3: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 4: Commencement**

**Article 4: Entrée en vigueur**

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 102/03 RYO KU WA 17/04/2015 RIZAMURA MU NTERA BA OFISIYE BATO MU RWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IMFUNGA N'ABAGORORWA** **PRIME MINISTER'S ORDER N° 102/03 OF 17/04/2015 PROMOTING THE JUNIOR OFFICERS IN RWANDA CORRECTIONAL SERVICE** **ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 102/03 DU 17/04/2015 PORTANT PROMOTION DES OFFICIERS SUBALTERNES DANS LE SERVICE CORRECTIONNEL DU RWANDA**

**Minisitiri w'Intebe,**

**The Prime Minister,**

**Le Premier Ministre,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 04/01 ryo ku wa 03/05/2012 rishyiraho Sitati yihariye igenga abacungagereza, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 13, iya 15 n'iya 23;

Pursuant to Presidential Order n° 04/01 of 03/05/2012 establishing the Special Statutes governing Prison Guards, especially in Articles 13, 15 and 23;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 04/01 du 03/05/2012 portant Statut particulier régissant les Surveillants des Prisons, spécialement en ses articles 13,15 et 23;

Bisabwe na Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu;

On proposal by the Minister of Internal Security;

Sur proposition du Ministre de la Sécurité Intérieure;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 13/02/2015, imaze kubisusuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session 13/02/2015;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 13/02/2015;

**ATEGETSE:**

**ORDERS:**

**ARRETE:**

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

**Ingingo ya mbere: Izamurwa mu ntera**

Aba ofisiye bato b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa bazamuwe mu ntera nk'uko bigaragara ku mugereka w'iri teka.

**Article One: Promotion**

The Junior officers of Rwanda Correctional Service are promoted as reflected to the annex of the present Order.

**Article premier: Promotion**

Les officiers subalternes du Service Correctionnel du Rwanda sont promus comme indiqué sur la liste en annexe du présent arrêté.

**Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu asabwe kubahiriza iri teka.

**Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Internal Security is entrusted with the implementation of this Order.

**Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Sécurité Intérieure est chargé de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 3: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 13/02/2015.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 13/02/2015.

**Article 4: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 13/02/2015.

Kigali, ku wa 17/04/2015

Kigali, on 17/04/2015

Kigali, le 17/04/2015

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Minister of Internal Security

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Ministre de la Sécurité Intérieure

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice / Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice / Garde des Sceaux

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 102/03 RYO KU WA 17/04/2015 RIZAMURA MU NTERA BA OFISIYE BATO MU RWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE IMFUNGA N'ABAGORORWA		ANNEXE TO THE PRIME MINISTER'S ORDER N°102/03 OF 17/04/2015 PROMOTING THE JUNIOR OFFICERS IN RWANDA CORRECTIONAL SERVICE	ANNEXE DE L'ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° 102/03 DU 17/04/2015 PORTANT PROMOTION DES OFFICIERS SUBALTERNES DANS LE SERVICE CORRECTIONNEL DU RWANDA
S/N	PN	AMAZINA/FULL NAMES/NOMS	IPETI AHawe/RANK AWARDED/GRADE ATTRIBUE
1	<b>001</b>	MUKANTABANA Rose	<b>IP</b>
2	<b>002</b>	GASANA Denis	<b>AIP</b>
3	<b>003</b>	NYIRABIZIMANA Josée	<b>AIP</b>
4	<b>004</b>	GATETE Davis	<b>AIP</b>
5	<b>005</b>	NGABONZIZA Jean Bosco	<b>AIP</b>
6	<b>006</b>	BANGUWIHA Claver	<b>AIP</b>
7	<b>007</b>	MUKUNZI Jean Chrisostome	<b>AIP</b>
8	<b>008</b>	SEBAKUNZI S. Faustin	<b>AIP</b>
9	<b>009</b>	NSHIZIRUNGU Aimable	<b>AIP</b>
10	<b>010</b>	NIYITANGIMBABAZI Clémentine	<b>AIP</b>
11	<b>011</b>	NIYONSENGA Dévota	<b>AIP</b>
12	<b>012</b>	MUKANGARAMBE Béatrice	<b>AIP</b>
13	<b>013</b>	MUSABYIMANA Agnès	<b>AIP</b>
14	<b>014</b>	MUKAMBARUSHIMANA Irenée	<b>AIP</b>

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

**Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 102/03 ryo ku wa 17/04/2015 rizamura mu ntera ba Ofisiye Bato mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Imfunga n'Abagororwa**

Kigali, ku wa 17/04/2015

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen to be annexed to the Prime Minister's Order n°102/03 of 17/04/2015 promoting the Junior Officers in Rwanda Correctional Service**

Kigali, on 17/04/2015

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Minister of Internal Security

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre n° 102/03 du 17/04/2015 portant promotion des Officiers Subalternes dans le Service Correctionnel du Rwanda**

Kigali, le 17/04/2015

(sé)  
**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

(sé)  
**Sheikh HARERIMANA Mussa Fazil**  
Ministre de la Sécurité Intérieure

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux



**ITEKA RYA MINISITIRI N° 778/08.25 RYO KU  
WA 23/04/2015 RITANGA UBURENGANZIRA  
BWO GUHINDURA AMAZINA**

**MINISTERIAL ORDER N° 778/08.25 OF  
23/04/2015 AUTHORISING CHANGE OF  
NAMES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 778/08.25 DU  
23/04/2015 PORTANT AUTORISATION DE  
CHANGEMENT DE NOMS**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura  
amazina**

**Article One: Authorisation to change names**

**Article premier: Autorisation de  
Changement de noms**

**Ingingo ya 2: Igihe cyo guhinduza mu  
gitabo cy'irangamimerere**

**Article 2: Duration for changing in the civil  
registry**

**Article 2: Délai de changement au registre de  
l'état civil**

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3: Entrée en vigueur**

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 778/08.25 RYO KU WA 23/04/2015 RITANGA UBURENGANZIRA BWO GUHINDURA AMAZINA**

**MINISTERIAL ORDER N° 778/08.25 OF 23/04/2015 AUTHORIZING CHANGE OF NAMES**

**ARRETE MINISTERIEL N° 778/08.25 DU 23/04/2015 PORTANT AUTORISATION DE CHANGEMENT DE NOMS**

**Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta;**

**The Minister of Justice/ Attorney General;**

**Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 42/1988 ryo ku wa 27 Ukwakira 1988 rishyiraho Interuro y'Ibanze n'Igitabo cya Mbere cy'Urwunge rw'Amategeko Mbenezamubano, cyane cyane mu ngingo zaryo kuva ku ya 65 kugeza ku ya 71;

Pursuant to Law n° 42/1988 of 27 October 1988, establishing the Preliminary Title and Volume One of the Civil Code, especially in Articles 65 to 71:

Vu la Loi n° 42/1988 du 27 octobre 1988 instituant le Titre Préliminaire et le Livre Premier du Code Civil, spécialement en ses articles de 65 à 71;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo zaryo ya mbere;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

Amaze kubona Iteka rya Minisitiri n° 019/17 ryo ku wa 05/12/2001 rihindura Iteka rya Minisitiri n° 097/05 ryo ku wa 25/03/1992 rishyiraho umubare w'amafaranga atangwa n'abashaka guhindura amazina yabo n'uburyo yakirwa, cyane cyane mu ngingo zaryo ya mbere;

Pursuant to the Ministerial Order n° 019/17 of 5/12/2001, modifying Ministerial Order n° 097/05 of 25/03/1992, establishing the amount of fees to be paid for altering names and modalities for their collection, especially in Article One;

Considérant l'Arrêté Ministériel n° 019/17 du 05/12/2001 modifiant l'Arrêté Ministériel n°097/05 du 25/03/1992 portant fixation du montant des frais relatifs au changement de noms ou prénoms ainsi que les modalités de leur perception, spécialement en son article premier;

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

Abisabwe na Madamu **NYIRABAGIRISHYA Aline** mu ibaruwa ye yakiriwe ku wa 08/03/2015;

On request lodged by Mrs **NYIRABAGIRISHYA Aline** received on 08/03/2015;

Sur requête de Madame **NYIRABAGIRISHYA Aline** reçue le 08/03/2015;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**Ingingo ya mbere: Uburenganzira bwo guhindura amazina**

**Article One: Authorisation to change names**

**Article premier: Autorisation de changement de noms**

Madamu **NYIRABAGIRISHYA Aline** ubarizwa mu Mudugudu w'Amajyambere, Akagari ka Rwampara, Umurenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali; ahawe uburenganzira bwo guhindura amazina ya **NYIRABAGIRISHYA Aline** agahinduka **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** mu gitabo cy'Irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

Mrs. **NYIRABAGIRISHYA Aline** domiciled in Amajyambere Village, Rwampara Cell, Kigarama Sector, Kicukiro District, in Eastern Province; is hereby authorized to change the names **NYIRABAGIRISHYA Aline** to become **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** in the register of civil status containing her birth certificate.

Madame **NYIRABAGIRISHYA Aline** domiciliée dans le Village Amajyambere, Cellule de Rwampara, Secteur de Kigarama, District de Kicukiro, dans la Ville de Kigali; est autorisée à changer les noms de **NYIRABAGIRISHYA Aline** pour être appelée **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance.

**Ingingo ya 2: Igihe cyo guhinduza mu gitabo cy'Irangamimerere**

**Article 2: Duration for changing in the civil registry**

**Article 2: Délai de changement au registre de l'état civil**

Madamu **NYIRABAGIRISHYA Aline** yemerewe guhindura amazina ya **NYIRABAGIRISHYA Aline** akongeramo **DUBANOWSKI** kugira ngo amazina ye ahinduke **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** mu gitabo cy'Irangamimerere mu gihe cy'amezi atatu (3) uhereye ku munsu iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Mrs. **NYIRABAGIRISHYA Aline** is hereby authorized to change the names **NYIRABAGIRISHYA Aline** in adding **DUBANOWSKI** to become **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** in the civil registry containing her birth certificate within three months (3) commencing from the date of publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Madame **NYIRABAGIRISHYA Aline** est autorisée à changer ses noms de **NYIRABAGIRISHYA Aline** en ajoutant **DUBANOWSKI** pour être appelée **DUBANOWSKI NYIRABAGIRISHYA Aline** dans le registre de l'état civil contenant son acte de naissance dans un délai de trois mois (3) à partir de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 23/04/2015

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 3: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, ku wa 23/04/2015

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/ Attorney General

**Article 3: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 23/04/2015

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Republika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Minister of Justice/ Attorney General

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux



Rwanda Governance Board  
Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere  
Office Rwandais de la Gouvernance



**ICYEMEZO N°106/2014 GIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO  
"POVERTY REDUCTION AND FAMILY EMPOWEREMENT IN  
RWANDA-PREFER"**

Twebwe, **Prof. SHYAKA Anastase**, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Imiyoborere,

Dushingiye ku itegeko n° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo za 21 na 22;

Dushingiye kandi ku ibaruwa twandikiwe kuwa 08/01/2014 n'umuyobozi w'umuryango **POVERTY REDUCTION AND FAMILY EMPOWEREMENT IN RWANDA-PREFER** asaba ubuzimagatozi;

Tumaze kubona ko uyu muryango wujuje ibisabwa byose kugira ngo umuryango nyarwanda utari uwa Leta uhabwe ubuzimagatozi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 22 y'itegeko ryavuzwe hejuru;

Duhaye ubuzimagatozi umuryango **POVERTY REDUCTION AND FAMILY EMPOWEREMENT IN RWANDA-PREFER** iki cyemezo kikazatangazwa mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, kuwa 07/10/2014

(sé)

**Prof. SHYAKA Anastase**

Umuyobozi Mukuru

**UMURYANGO NYARWANDA**  
**UDAHARANIRA INYUNGU**

**“POVERTY REDUCTION, EDUCATION  
&FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA”  
(PREFER)**

**AMATEGEKO NSHINGIRO**

**UMUTWE WA I: ISHIRWAHO, IZINA,  
ICYICARO, AHO IBIKORWA  
BIZAKORERWA,IGIHE UZAMARA,  
N’INTEGO NA BAGENERWABIKORWA**

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho n’izina**

Hashingiwe ku ngingo ya mbere y’itegeko n°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n’imikorere by’imiryango nyarwanda itari iya Leta, hashyizweho Umuryango wiswe “**POVERTY REDUCTION, EDUCATION & FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA**” (PREFER).

**Ingingo ya 2: Icyicaro, aho ibikorwa bizakorerwa n’igihe uzamara**

Icyicaro cy’Umuryango gishyizwe mu Karere ka Musanze, Intara y’Amajyaruguru. Ushobora kwagurira ibikorwa byawo ahariho hose mu Rwanda ndetse no hanze yarwo byemejwe na 2/3 by’inteko Rusange. Umuryango ukorera ibikorwa byawo ku butaka bwose bw’u Rwanda igihe uzamara ntikigenwe.

**NATIONAL NON GOVERNMENTAL ORGANISATION**

**“POVERTY REDUCTION, EDUCATION  
&FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA”  
(PREFER)**

**CONSTITUTION**

**CHAPTER1: ESTABLISHMENT, NAME, HEAD OFFICE, AREA OF ACTIVITIES, DURATION, MISSION AND BEMEFICIARIES**

**Article one: Establishment and name**

In accordance with the Article one of the Law n°04/2012 of 17/02/2012 governing the organization and the functioning of national non-governmental organizations, It is hereby established an Organization known as “**POVERTY REDUCTION, EDUCATION & FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA**” (PREFER).

**Article 2: The head office, area of Activities and duration**

The head office of the organization is located in Musanze District, Northern Province. It can extend its activities through out the country and beyond by the decision of 2/3 of the General Assembly. The organization will conduct its activities on the whole territory of Rwanda. It is established for undetermined period.

**ORGANISATION NON GOUVERNEMENTALE NATIONAL**

**“POVERTY REDUCTION, EDUCATION  
&FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA”  
(PREFER)**

**STATUTS**

**CHAPITRE I: DE LA CREATION, DE LA DENOMINATION, DU SIEGE, DE LA ZONE D’INTERVENTION, DE LA DUREE, DE LA MISSION DES ET BENEFICIAIRES.**

**Article premier: Création et dénomination**

Conformément à l’Article premier de la loi n°04/2012 du 17/02/2012 portant organisation et fonctionnement des organisations non-gouvernementales nationales, Il est créé une Organisation dénommée “**POVERTY REDUCTION, EDUCATION & FAMILY EMPOWERMENT IN RWANDA**” (PREFER).

**Article 2: Siege, zone d’intervention et durée**

Le siège de l’organisation est établi dans le District de Musanze, Province du Nord. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de 2/3 de l’Assemblée de l’Organisation. L’Organisation exerce ses activités sur toute l’étendue de la République. Elle créée pour une durée indéterminée.

**Ingingo ya 3: Abagenerwabikorwa n'itego**

Abagenerwabikorwa ni abantu bose bo mu byiciro bitandukanye bigize umuryango nyarwanda.

**Intego**

Guteza imbere uburezi kuri bose ushyiraho ishuri ry'inshuke n'amashuri abanza yigishirizwamo ubumenyi bunyuranye;

Gushimangira ibikorwa by'impuhwe n'imibereho myiza mu bana b'imfubyi batagira kivurira n'abana birera mu miryango;

Gutoza abantu umuco w'amahoro, ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge.

**Ibikorwa by'ingenzi nibi bikurikira:**

Gushinga ibigo bya mashuri bigamije kuzamura ubumenyi n'ubushobozi mu banyarwanda.

Gufasha imfubyi n'abana birera mu miryango.

**UMUTWE WA II: ABAGIZE UMURYANGO**

**Ingingo ya 4: Abanyamuryango**

Umuryango ugizwe na:

1. Abanyamuryango bawushinze;
2. Abanyamuryango bawinjiyemo; na
3. Abanyamuryango b'icyubahiro.

**Article 3: Beneficiaries and Mission**

Beneficiaries are all those different components of the categories of Rwanda society.

**Mission**

To support education for all by establishing a preschool and primary school in which there are many educational options;

To promote the social act aiming to assist orphans and children of single mothers;

To teach and implement culture of peace, national unity and reconciliation.

**Major activities shall include:**

To establish both preschool and primary schools aimed to promote knowledge and capacity.

To assist orphans and children of single mothers.

**CHAPTER II: THE MEMBERS**

**Article 4: The organization is composed of:**

1. Founder members,
2. Adherent members, and
3. Honorary members.

**Article 3: Bénéficiaires Mission**

Les bénéficiaires sont toutes les personnes des catégories différentes composantes la société Rwandaise.

**Mission**

Promouvoir l'éducation pour tous en créant une écoles maternelle et primaire multidisciplinaires;

Promouvoir les œuvres sociales en accompagnant les enfants orphelins non accompagnés et enfants chef des ménages;

Dessiminer la culture de la paix, tolérance, unité et réconciliation.

**Les principales activités de l'organisation comprennent:**

Crée les centres scolaires pour augmenter les connaissances et capacités.

Appuyer les orphelins et les enfants chef de menages en famille.

**CHAPITRE II: DES MEMBRES**

**Article 4: L'organisation se compose de ;**

1. Membres fondateurs,
2. Membres adhérents,
3. Membres d'honneur.

*Official Gazette n° 18 of 04/05/2015*

Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko.

Abanyamuryango binjira mu muryango ni ababisabye bamaze kwiyezwa gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b' icyubahiro ni abantu ku giti cyabo cyangwa imiryango inteko rusange iha icyo cyubahiro bitewe n' ibyiza byihariye bakoreye umuryango.

Komite Nyobozi ni yo ibashyikiriza Inteko Rusange kugira ngo ibemeze. Abo banyamuryango bashyigikira umuryango bawugira inama ariko ntibemerewe gutora.

**Ingingo ya 5: Abanyamuryango nyakuri**

Abashinze umuryango n' abinjiye mu muryango nibwo banyamuryango nyakuri b'umuryango. Bose bafite uburenganzira bumwe n' inshingano zimwe mu muryango.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'abanyamuryango**

Abanyamuryango nyakuri biyemeza kugira uruhare mu bikorwa by'umuryango. Bitabira inteko rusange bakagira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

Bagomba gutanga umusanzu wa buri mwaka wagenwe n' Inteko Rusange.

Founder members are the signatories of the present constitution.

Adherent members are those who, upon request and after subscription to this constitution, are agreed by the General Assembly.

Honorary members are individuals or legal entities to whom the General Assembly will have awarded this title in recognition of special and significant services offered for the improvement of the Organisation.

Honorary members are proposed by the Executive Committee and approved by the General Assembly. They play a consultative role but do not take part in voting.

**Article 5: Effective members**

Founder members and adherent members are the effective members of the Organization. They have the same rights and duties towards the organization.

**Article 6: Responsibilities of effective members**

Effective members make the commitment to participate in the activities of the organization. They attend the General Assemblies with voting powers.

They have the obligation to pay a membership fee which annual amount is determined by the General Assembly.

Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts.

Sont membres adhérents, tous ceux qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréés par l'Assemblée Générale.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'organisation.

Les membres d'honneur sont proposés par le Comité Exécutif et agréés par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

**Article 5 : Membres effectifs**

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'organisation. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'organisation.

**Article 6 : Les engagements des membres**

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer aux activités de l'organisation. Ils assistent aux assemblées générales avec voix délibérative.

Ils ont l'obligation de verser une cotisation dont le montant annuel est fixé par l'Assemblée Générale.



**Ingingo ya 7: Uburenganzira bw'umunyamuryango**

Bafite uburenganzira bwo gutora, bitabira inama bahamagawemo bakitabira ibikorwa by' umuryango kandi bakamenyeshwa ibikorwa byose by' umuryango.

**Ingingo ya 8: Gusaba kuba umunyamuryango**

Ushaka kuba umunyamuryango yandikira Umuyobozi wa Komite Nyobozi bikemezwa n'inteko rusange.

**Ingingo ya 9 : Kuva mu muryango**

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, yeguye ku bushake, yirukanywe.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange. icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngenga mikorere y'Umuryango.

**UMUTWE WA III: INZEGO**

**Ingingo ya 10:** Inzego z'umuryango ni:

1. Inteko Rusange;
2. Komite Nyobozi;
3. Ubugenzuzi bw'imari; na
4. Urwego rwo gukemura amakimbirane.

**Article 7: The Rights of Members**

They have the right to vote, attend meetings to which they are convened and participate in the activities of the organisation; they are always informed of all the activities of the organisation.

**Article 8: Request for Membership**

Membership requests are addressed in writing to the President of the Executive committee and submitted to the approval of the General Assembly.

**Article 9: Loss of membership**

Membership is lost by death, voluntary resignation, and exclusion.

The voluntary resignation is addressed in writing to the President of the Executive Committee and subjected to the approval of the General Assembly. The exclusion is pronounced by the General Assembly with majority of 2/3 of voices against a member who does not conform any more to the present statutes and the rules of procedure of the organization.

**CHAPTER III: ORGANS**

**Article 10:** The organs of the Organisation are:

1. General Assembly,
2. Executive committee;
3. Auditors; and
4. Conflict resolution organ

**Article 7 : Les droits des membres**

Ils ont le droit de vote, assistent aux réunions dans lesquelles ils sont convoqués et participent aux activités de l'organisation, ils restent informés de toutes les activités de l'organisation.

**Article 8 : La demande d'adhésion**

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif et soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.

**Article 9: Perte de qualité de membre**

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire ou l'exclusion.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'association.

**CHAPITRE III: ORGANES**

**Article 10: Des organes :** Les organes de l'organisation sont :

1. Assemblée Générale ;
2. Comité Exécutif ;
3. Commissariat aux comptes, et
4. Organe de résolution des conflits.

**Ingingo ya 11: Inteko Rusange**

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

**Ingingo ya 12: Itumizwa**

Inteko Rusange itumizwa kandi ikayoborwa na perezida wa Komite Nyobozi, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi Perezida. Igihe Perezida na Visi-Perezida bose badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa na 1/3 cy' abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe bitoramo uyobora inama.

**Ingingo ya 13: Inama isanzwe**

Inteko Rusange iterana rimwe (1) mu mwaka mu nama yayo isanzwe. Ubutumire bukubiyemo gahunda y' ibizigwa bwohererezwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi mirongo itatu (30) kugira ngo iterane.

**Ingingo ya 14: Umubare ngombwa kugirango inama ifate ibyemezo**

Kugira ngo Inteko Rusange iterane mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ibyemezo ifashe bigire agaciro, abayitabiriye bagomba kuba barenze (2/3) by'abanyamuryango nyakuri bitabiriye inama.

Iyo umubare w'abanyamuryango udahagije inama irasibizwa, hagatumizwa indi bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira. Icyo gihe Inteko Rusange

**Article 11: The General Assembly**

The General Assembly is the supreme organ of the Organisation. It includes all members of the organisation.

**Article 12: Summoning**

The General Assembly is convened and chaired by the President of Executive Committee or by the Vice-President, in case of absence. Should both the President and the Vice-president be concurrently absent, or not available, the General Assembly is summoned by 1/3 of the effective members. For the circumstance, the Assembly elects a President from the present members.

**Article 13: Ordinary Sessions**

The General Assembly convenes in ordinary session once (1) a year. Invitations containing the agenda shall be sent to the members at least thirty (30) days before meeting.

**Article 14: Quorum**

The General Assembly convenes and deliberates legitimately when (2/3) of the effective members are present. If this quorum is not reached, a new convening is given within fifteen (15) days.

In this term, the General Assembly convenes and deliberates legitimately whatever the number of participants.

**Article 11 : L'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'organisation.

**Article 12 : Convocation**

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Exécutif ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-président. En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-président, l'Assemblée Générale est convoquée par au moins 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président de la session.

**Article 13 : Session ordinaire**

L'Assemblée Générale se réunit au moins une (1) fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont envoyées aux membres au moins trente (30) jours avant la réunion.

**Article 14 : Quorum**

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque (2/3) de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze (15) jours.

A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

iraterana igafata ibyemezo hatitawe ku mubare w'abayitabiriye.

**Ingingo ya 15: Inama Idasanzwe**

Inteko rusange idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa. Iyoborwa nk'uko bigenda ku Nteko Rusange isanzwe.

Itumizwa mu minsi cumi n'itatu (15) mbere y'uko iterana. Inteko Rusanga yiga ku ngingo gusa ziri ku murungo w'ibyigwa zamenyekanishijwe mu butumire.

**Ingingo ya 16: Ifata ry'ibyemezo by'Inama Rusange**

Bitanyuranyije n'ibiteganywa n'itegeko rigenga imiryango nyarwanda itari iya leta n' amategeko agenga uyu umuryango, ibyemezo by' Inteko Rusange bifatwa n' ubwiganze bw' amajwi.

Iyo impande z'abatora zinganyije umubare w'amajwi, irya Perezida niryo rikemura impaka.

**Ingingo ya 17: Ububasha bw'Inteko Rusange**

Inteko rusange ishinze:

1. Gushyiraho no guhindura amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere;
2. Gushyiraho no gukuraho abagize Komite Nyobozi;
3. Gushyiraho ibikorwa by'umuryango;

**Article 15: Extraordinary Session**

The Extraordinary General Assembly convenes as often as needed. Its presidency is the same as those of ordinary General Assembly.

The time limits of its convening are fixed to fifteen (15) days. Debates can involve any issues on the agenda of the invitation.

**Article 16: Decisions of the General Assembly**

Except for cases specifically provided for by the law relating to national non-governmental Organisations and by the present constitution, the decisions of the General Assembly are made by the absolute majority of votes.

In case of parity of votes, that of the President is worth double.

**Article 17: Powers of the General Assembly**

The powers invested in to the General Assembly are:

1. adoption and modification of constitution and internal rules and regulations;
2. nomination and revocation of the Executive Committee;
3. determination of the activities of the organisation;

**Article 15 : Session extraordinaire**

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Sa présidence est la même que celles de l'Assemblée Générale ordinaire.

Le délai de sa convocation est de quinze (15) jours. Les débats ne peuvent porter uniquement que sur les questions inscrites à l'ordre du jour de l'invitation.

**Article 16: Décision de l'Assemblée Générale**

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux Organisations non-gouvernementales nationales et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises par consensus ou à défaut à la majorité absolue des voix.

En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Article 17 : Pouvoirs de l'Assemblée Générale**

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont notamment:

1. adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
2. nomination et révocation des membres du comité exécutif ;
3. détermination des activités de l'organisation ;

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 4. Gushyiraho no kuvanaho Uhagarariye umuryago n'Umwungirije; | 4. appointment and revocation of the Legal Representative and the Vice Legal Representative of the organization; | 4. nomination et révocation du Représentant Légal et des Représentants Légaux suppléants ; |
| 5. Kwemera, guhagarika cyangwa kwirukana umunyamuryango;      | 5. admission, or exclusion of a member;  | 5. admission, suspension ou exclusion d'un membre ;  |
| 6. Kwemeza uko ingengo y'imari y'umwaka yakoreshejwe;         | 6. approval of the annual accounts;  | 6. approbation des états financiers ;  |
| 7. Kwakira impano n'indagano;                                 | 7. acceptance of donations and legacies;   | 7. acceptation des dons et legs ;  |
| 8. Gusesa umuryango.  | 8. Dissolution of the Organisation.  | 8. dissolution de l'organisation.  |

## **Igice cya 2: Ibyerekeye Komite Nyobozi**

### **Ingingo ya 18: Abagize Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi igizwe na :

1. Perezida, ari we Umuvugizi w'umuryango;
2. Visi Perezida, ari we Umuvugizi wungirije w'umuryango;
3. Umunyamabanga Mukuru
4. Umubitsi w'imari.

### **Ingingo ya 19: Manda y'abagize Komite Nyobozi**

Abagize Komite Nyobozi batorwa mu banyamuryango nyakuri n'Inteko Rusange, bagatorerwa igihe cy'imyaka ibiri (2) kandi bashobora kongera gutorwa rimwe gusa.

Iyo hari uweguye ku bushake cyangwa abisabwe n'Inteko Rusange cyangwa iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi yitabye Imana manda ye itararangira, umusimbura watowe arangiza manda y'uwo asimbuye.

### **Ingingo ya 20: Inama za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi iterana rimwe (1) buri gihembwe na buri gihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe

## **Section 2: The Executive Committee**

### **Article 18: composition**

The Executive Committee is composed of:

1. President, Legal Representative,
2. Vice-President, Deputy Legal Representative;
3. Secretary;
4. Treasurer.

### **Article 19: Mandate of Members of the Executive Committee**

Members of the Executive committee are elected by the General Assembly among the effective members for mandate of two (2) years, renewable only once.

In case of voluntary or forced resignation pronounced by the General Assembly, of the death of a member of the Executive committee in the course of the mandate, the elected successor finishes the mandate of his/her predecessor.

### **Article 20: Sessions of the Executive committee**

The Executive committee meets as often as needed, but inevitably once (1) a quarter, upon invitation and

## **Section 2: Comité Exécutif**

### **Article 18: composition**

Le Comité Exécutif est composé de:

1. Président, Représentant Légal;
2. Vice-président, Représentant Légal Suppléant ;
3. Secrétaire Général
4. Trésorier .

### **Article 19 : Mandat des membres du Comité Exécutif**

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale pour un mandat de deux (2) ans renouvelable une fois seulement.

En cas de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale ou de décès d'un membre du Comité exécutif au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

### **Article 20: Sessions du Comité Exécutif**

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une (1) fois par

ikanayoborwa na Perezida, iyo adahari iyoborwa na Visi Perezida.

Inama iterana ku buryo bwemewe iyo nibura ( $\frac{2}{3}$ ) by'abayigize bahari. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze bw' amajwi iyo hatabaye ubwumvikane. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri

**Ingingo ya 21: Inshingano za Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi ishinzwe:

1. Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
2. Gucunga umutungo w'umuryango buri muni;
3. Gukora raporo y'ibikorwa byakozwe mu mwaka wose;
4. Gutegura ingengo y'imari y'agateganyo igashyikirizwa Inteko Rusange;
5. Gusaba Inteko rusange kugira icyo ihindura amategeko ngenga n'amategeko ngengamikorere y'umuryango;
6. Gutegura inama z'Inteko Rusange;
7. Kugirana n'abaterankunga amasezerano y'ubutwererane n'ay'inkunga;
8. Gutanga akazi, gushyiraho no kwirukana ababakozi bakora mu maserivisi anyuranye y'umuryango.

chairmanship of the President or if not, by the Vice-President.

It assembles when ( $\frac{2}{3}$ ) of the members are present. Its decisions are made at the absolute majority of votes when there is no general agreement. In the event of parity of voice, that of the President counts double.

**Article 21: Duties of the Executive committee**

The Executive committee is in charge of:

1. implementing recommendations and decisions of the General Assembly;
2. the daily management of the Organisation;
3. prepare the annual report of activities of the past financial year;
4. working out budget forecasts to be submitted to the General Assembly ;
5. suggesting modifications to the General Assembly in the statutes and in internal regulations;
6. preparing the sessions of the General Assembly;
7. negotiating cooperation and financing agreements with partners;
8. Recruiting, appointing and revoking staff of various services of the Organisation.

trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-Président.

